**Ururimi – A2 ruzatoranywa hagati ya taliki 10 na 21.1.2022**

Abanyeshuri biga mu wa gatatu bafite amahirwe yo guhitamo urundi rurimi, ururimi – A2, rwiyongera kuziteganijwe, bakazarwiga guhera mu mwaka wa kane. Indimi zizatoranywamo ni ikidage, igifaransa, icyesipanyoli n'ikirusiya.

Iyo umwana yatangiye kwiga ikidage, igifaransa, ikirusiya cyangwa igifini nk'ururimi kavukire guhera mu mwaka wa mbere, atangira kwiga icyongeleza mu mwaka wa kane nk'ururimi - A2. Uwiga icyongeleza nk'ururimi - A2 arangiza umwaka wa 9, yarageze ku ntego zigamijwe mu rurimi A2 mu cyongeleza kimwe n'intego ziteganywa mu nteganyanyigisho z'ururimi A1.

Ururimi – A2 ruzahitwamwo hagati ya taliki 10 na 21.1.2022. Abarezi b'umwana bazabimenyeshwa hakiri kare mu butumwa bunyuzwa kuri Wilma, busobanura neza uburyo ururimi rutoranywa. Amatsinda azakorwa ashingiye ku bizahitwamwo azamenyekana ku wa 2.2.2022. Itsinda ry'ururimi rikorwa iyo abanyeshuri 12 baruhurijeho nk'ururimi- A2 mu gihe ari rwo baba barahisemwo ku mwanya wa mbere cyangwa uwa kabiri. Iyo umunyeshuri ahitamo, ashobora gutoranya indimi nyinshi, kandi ibyo ahisemwo akabyubahiriza ntiyisubireho.

Guhitamwo ururimi - A2 ni ubushake, ariko ibyo umunyeshuri ahisemwo arabyubahiriza kugeza arangije uwa 9. Ururimi -A2 ni rimwe mu masomo umunyeshuri yihitiramwo mu mashuri yisumbuye.

Abanyeshuri bamurikirwa amashuri y'indimi – A2 mu gihembwe cy'ikungira ndetse amwe muri ayo mashuri agakomeza kumurikwa kugeza mu kwezi kwa mbere. Amahitamwo y'ururimi mushobora no kuyarebera ku rubuga https://peda.net/jyvaskyla/kieku/a2-kieliryhmat

Ibisubizo ku bibazo bikunze bwibazwa kenshi ku bijyanye no guhitamwo ururimi biboneka ahanditse ngo Lisätietoja kielivalinnasta (Andi makuru ajyanye no guhitamwo ururimi).

**Inama y'umugoroba hamwe n'ababyeyi kuri iki kibazo cyo guhitamwo ururimi – A2 izakorwa hifashishijwe iya kure.**

Mu kwezi kwa mbere, abarezi bateganirijwe imigoroba 2, ku kibazo cyo guhitamwo ururimi – A2, kandi kuri buri mugoroba tuzasubiramwo ingingo zimwe.

Imigoroba igenewe ababyeyi  ku buryo bw'iya kure (uburyo bwa Teams) izaba ku minsi ikurikira:

**11.1.2022 18:00-19:30**

https://teams.microsoft.com/meetingOptions/?organizerId=2ed4380d-cd72-4893-bc39-64e39f754158&tenantId=fc34d05c-a2f2-4ac2-89c5-b44f3a9f451c&threadId=19_meeting_NjIyMDk1ZWQtZTFjYS00NDU1LTk3ZjItYjEzNDY3MmI2Mzc5@thread.v2&messageId=0&language=fi-FI

**18.1.2022 18:00-19:30**

https://teams.microsoft.com/meetingOptions/?organizerId=2ed4380d-cd72-4893-bc39-64e39f754158&tenantId=fc34d05c-a2f2-4ac2-89c5-b44f3a9f451c&threadId=19_meeting_MjUyYjQ4YTUtNDI0YS00ODEyLWE5ZTYtYjFmYzI5YjkwOGRh@thread.v2&messageId=0&language=fi-FI

Niba mukeneye ibindi bisobanuro mushobora kubisaba umuyobozi w'ishuri (rehtori), abarimu b'indimi cyangwa umuyobozi mukuru wa serivisi ishinzwe imyigishirize y'indimi n'amatsinda y'imico Pia Bärlund (040-5455 257, pia.barlund@jyvaskyla.fi )